REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2019

10 Nzeri 2019

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2,3% mu kwezi gushize kwa Kanama 2019 ugereranyije na Kanama 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 1,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2,3% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,7%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 8,0%, ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 7,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 1,7%.

Iyo ugereranyije Kanama 2019 na Kanama 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,6%.

Wagereranya ukwezi kwa munani (Kanama 2019) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2019), ibiciro bikiyongeraho 0,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,5%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Kanama 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 3,2% ugereranyije na Kanama 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 1,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 3,2% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,2% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 7,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2019) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2019), usanga ibiciro byarazamutseho 2,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,7%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi gushize kwa Kanama 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 2,8% ugereranyije na Kanama 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 1,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2,8% mu kwezi kwa Kanama 2019 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,7% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 7,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2019) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2019) ibiciro byazamutseho 1,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,0%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2018 kugeza muri Kanama 2019.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2018 kugeza muri Kanama 2019**

***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2018 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 2019 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,1 | 1,2 | -0,6 | 0,1 | 1,1 | 1,0 | 0,8 | 1,1 | 0,2 | 0,0 | 0,9 | 1,9 | 2,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -0,6 | -2,7 | -5,4 | -1,8 | -0,6 | -0,4 | -1,3 | 0,4 | -0,7 | -0,7 | 0,9 | 1,3 | 3,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 0,6 | -1,1 | -3,4 | -1,0 | 0,1 | 0,2 | -0,4 | 0,7 | -0,3 | -0,4 | 0,9 | 1,6 | 2,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,4 | 0,2 | -0,6 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 1,1 | 0,3 | 0,9 | 0,0 | 0,0 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,6 | -0,3 | -1,4 | -0,6 | -1,3 | 0,0 | -0,4 | 3,1 | 1,2 | 0,8 | -0,1 | -0,2 | 2,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,5 | -0,1 | -1,0 | -0,5 | -0,8 | 0,0 | -0,1 | 2,2 | 0,9 | 0,8 | -0,1 | -0,1 | 1,8 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes
Email: info@statistics.gov.rw